

ITANGAZO

Guhamagarira ababyifuza kwitabira amahugurwa ku kunoza imikorere hashingiwe ku ibwiriza ry'ubuziranenge ISO 9001: 2015, QMS

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) cyateguye amahugurwa ashingiye ku ibwiriza ry'ubuziranenge RS ISO 9001:2015, **Quality Management System— Requirements** rirebana no gukora ibicuruzwa byujuje ubuziranenge no kunoza neza imitangire ya servisi.

Abazitabira ayo mahugurwa bazahabwa ubumenyi bwimbitse buzabafasha kumenya neza ibisabwa n'iri bwiriza ry'ubuziranenge ryavuzwe haruguru, bityo bibafashe kunoza imikorere, kuzamura ireme ry'ibicuruzwa bijya ku isoko ndetse no kunoza imitangire ya servisi zabo. Ibi bizazamura urwego rw'imikorere ndetse n'abaguzi barushaho kunyurwa n'ibicuruzwa cyangwa servisi bahabwa.

Ni muri urwo rwego RSB yateguye ndetse ikaba iboneyeho guhamagarira ibigo ndetse n'abikorera ku giti cyabo babyifuza kwiyandikisha muri ayo mahugurwa azamara iminsi itanu (5) ateganijwe gutangira kuwa **20 kugeza 24 Gicurasi 2024**, akazabera k' **Ubumwe Grande Hotel, Kigali**. Abifuza kuyitabira basabwe kuzuzwa ifishi yabugenewe bakayohereza kuri RSB bitarenze tariki ya **10 Gicurasi 2024**.

Uwifuza kwiyandikisha yakwifashisha umurongo ukurikira: <https://forms.gle/YXkErW34CD9rfuRW9>. Ibigo byifuza kwandikisha abakozi babyo bisabwe kuzuriza buri wese ifishi ye.

Ku byerekeranye n'ikiguzi cyo kwitabira aya mahugurwa ndetse n'ibindi bisobanuro mwahamagara **MUKABAYIZERE Denyse Joy** kuri telephone igendanwa +250788212673 cyangwa mukamwandikira kuri email dj.mukabayizere@rsb.gov.rw.

Bikorewe i Kigali, kuwa 25/04/2024


MURENZI Raymond
Umuyobozi Mukuru

